RWANDA RESONANCE

# UMURANGI

Rédacteur en chef :
NTAWUYIRUSHINTEGE Boniface
(O.NT.B.)

B.P. 1038
Tél. 7 3977

100 Frw


Bimensuel
Indépendant

No 12

9 novembre 1992.

CENTRE DE FORMATION ET DE RECHERCHE COOP.
C.F.R.C.
B.P. 1318 Kigali
RWANDA

## Kwa Ba Rugotomerankaba ipfa riracyari ryose.




## Ni iki bita kujya mu kwaha kw'Ikinani.

## AKABAYE ICWENDE NTIKOGA

Wa mugambi twahishuriwe n'umutware w'amakuru muri P.L. mu nyandiko ye yise «MEMORANDUM SUR LE PARTI LIBERAL» waratangiye ntitwabimenya. Dore nawe iyi minsi ishize PSD na le SOLEIL yayo bikomye cyane MDR n'abayoboke bayo b'imena. Turasanga ariko ibanga ry'ibyo byose ari ntarindi, kuko bimenyerewe ko iyo hatangiye imishyikirano mu byerekeye ubutegetsi itangira imbyino yayo ivanze n'indimi ebyiri zigamije inyungu z'abantu ku giti cyabo. Yewe, akabaye icwende ntikoga koko.

Ngaho kwa NSANZIMANA, ngaho kwa KINANI mu GASIZA, no hambere aha NGANGO aherutse gukorwa n'isoni apfubiranye n'abantu bamuzi asohotse muri Perezidansi bakamubwira bati : Urasubiriye ! Ubu ho byaganguye bariho barasimbukira muri FPR ngo ngaha barashaka gusimbura NSENGIYAREMYE bashinja kurya intoryi zo mu gikari kwa KINANI

Ese aho aramutse yaraziriye abo muri PSD ntizaba zarabasabitse tugereranije igihe abategetsi babo bazivurugutiyemo. Ko za Minisiteri muyobora mutangiye kuzivoma ku ngufu nkuko tubibona mw'ibaruwa ivuga ibya NYUNGURA Emile aho uwabaha Minisiteri y'INTEBE igihugu nticyakorama. Banegurana ari i[…] ba nenge itirora. Kujya mu ma[…] nga kuvugira u Rwanda no ku[…] icyazana amahoro nibyo PSD na SOLEIL yayo bita kurya intoryi[…] kwa KINANI ?

Tubigire gute se ko MDR [...] fashe Minisiteri zo gufasha ruba[…] kwibohora ingoma y'igitugu bu[…] ndu kuko ariyo izishoboye, PS[D] igafata izo gukangisha abatur[…] akazi ngo bayiyoboke ku ngufu […] kwaka ruswa amasosiyeti y'am[…] hanga akorana nazo ngo irebe ko y[…] byimbabyimba. Mujye mume[…] uko mureshya.

NZABAVUGA[…]
KIGAL[I]

## ABAMENYEREYE GUCUNGIRA IMBEHE ZABO KW'IVANGURA RY'AMOKO N'UTURERE BARASHAKA GUHINDURA IKIBAZO CYA RADIO-RWANDA N'ABANYAMUZIKA ICYA POLITIKI:

Nkuko muri mubibone mu nyandiko MASABO NYANGEZI J. uhagarariye abaririmbyi bishyize hamwe ngo barengere inyungu zabo yandikiye Ikinyamakuru ISIBO, muribonera namwe ko ibibazo by'abanyamuzika atari ibya none. Amabaruwa yaranditswe, inyandiko mu binyamakuru zirandikwa, nyamara ababishinzwe baterera agati mu ryinyo. Twamaze kubandikira ko twarakaye aho kwita ku kibazo bajya gucokombora indirimbo z'abitabye Imana n'abandi tutarashobora kubona. Bamwe mu bakozi ba Radio bahagurukiye kudusabota, nyamara bo iyo inyungu zabo zikozweho barahaguruka bagashikora. Ese ubu natwe duhagurukiye kubasabota bakwishima. Ubu se guha Ruswa KAGAMBAGE Alexandre ngo adusuzugure asinyura muracyeka ko aricyo kizatuvana kw'izima ? Jamais ! Uwitwa HATARI we ngo hari bene wabo arimo yumvisha ko kiriya ari ikibazo cy'abatutsi n'abanyenduga. Aka ni akaga pe ! Ikibazo kimaze imyaka ni imyaka se ubu noneho kigiye kwinjira mu mashyaka ? Irondakoko n'irondakarere riba mu mutwe wa HATARI aho bucyera rizamuta ku bihato. Mbaraga Paul yasize amwigishije amayere, maze ibyo yahoze akora muri Festival de la Paix, Iserukiramuco ry'Amahoro ryo ku Gisenyi we arihindura irya SEBATUNZI mu RUHENGERI, ubundi imfashanyo z'amafaranga mu masosiyete y'u Rwanda ararunda, Radio y'Igihugu yamamaza ku buntu ibintu bidafitiye akamaro imbaga nyamwinshi ibyumweru n'ibyumweru, ibikoresho bya Radio (Sono) amamodoka, abakozi n'ibindi. Twe rero turasanga yagombaga kwishyura biriya bintu byose kubera izi mpamvu zikurikira :

Twebwe abacuranzi igihe cyose twishyize hamwe ngo dufashe ingabo ziri ku Rugamba, abavannye mu byabo n'intambara, impfubyi, Croix Rouge hari nk'abo ishaka gufasha, icyo gihe cyose bagiye baduca amafaranga yo kwamamaza kuri Radio, kandi wanatira Sono yabo ukishyura amafaranga ishyano ryose. Niba se Hatari yarabikoze mu rwego rwo guteza imbere izina SEBATUNZI cyangwa gufasha umuryango we, kuki bo batari kwishyura kandi Festival ya Kapiteni NSENGIYUMVA yarishyuye, iza MUNYAMBUGA zikishyura ntihabe iyamamaza ry'ubuntu kuri RADIO y'igihugu ? Ibyo HATARI yakoze rero ni ubw'esikoro busanzwe kuko yanyereje umutungo wa Leta yitwaje umwanya afite ku[ri] Radio. None amaze kurengwa a[…] reka nkoreshe nanone umwan[ya] mfite kuri Radio, nsenye buri[…] bumwe bwa ba Maskini b'abacu[ra]nzi nteganya kugumya gukoresh[…] batazavaho bahumuka bagaharani[ra] inyungu zabo. Wowe HATAR[I] rwose uraduhora iki ko tubona […] nyungu zawe zikorwaho ugasara […] Ibuka ya mapaji ishyano n'ishyan[…] y'urukonjo uherutse kwandikira u[…] yobora ORINFOR ngo ngahaı ba[…] ragutoteje. Ibyo wifuza ko bikug[i]rirwa wabigiriye abandi ? Turame[…] nyesha abatarasinyira guhagarik[…] indirimbo zabo kugirango ikibaz[o] cyibonerwe umuti ko bashobora kwandikira MASABO NYANGEZ[I] Yuvenali kuri B.P. 1837 KIGALI bamuha uburenganzira bwo kubib[…] korera. Abafite ababo bitabye Ima[na] na nabo nibandike tubakurikirani[…] utwabo. Turateganya kandi gukor[…] ishyirahamwe ryo kurengera ubure[…]nganzira bw'Umuhanzi, tukaba tur[i]ho dushaka amategeko mu mirya[…]ngo y'ubwo bwoko ikomeye mu [a]mahanga izanabidufashamo ikab[…] duhuguramo. Murumva rero ko aga[…]suzuguro ka bamwe mu bakozi ba Radio kadashobora kudukanga ku[…]va za Ambassades n'indi miryango mpuzamahanga yarabihagurukiye

# BUCYANA MARTINI ALIAS RUBANDA NYAMWINSHI BAMUJYANYE INDERA KUMUVUZA !




*Nkotanyi bana b'u Rwanda rero, mubwire Ingabo zanyu zitere Komini BUTARO, twasabye MUSEVENI ko abashyigikira cyane. Abasirikare bari bahari twabahaye ikiruhuko, hasigaye abajandarume 40 gusa. Tuzumvisha biriya biri mu mashyaka adusakuriza kw'intambara yakaze maze dushyireho Etat d'Exception, kuko umukwabu twashyiraho ariwo watuma twikiza impirimbanyi zo muri MDR zimeze nkizariye karungu. Nyuma nkuko twari twabitumye MAHAME, MUSABE, na SHAMUKIGA tuzabareka muze n'abasirikare n'ibibunda byanyu, maze u Rwanda rwacu turwibaniremo mu munezero. Tubifurije gutsinda. MURAKABYARA.*

Mu rubaruwa rutagira umutwe n'akabuno yise ngo ubutumwa RUBANDA NYAMWINSHI yashinze ishyaka CDR igeza kuri Minisitiri w'INTEBE kuwa 18/10/1992, uriya murwayi arashinja NSENGIYAREMYE ngo kuba ariwe watumye amakomini ya RUHENGERI na BYUMBA afatwa. Niwe wafunze abasirikari abahora ko barwaniraga igihugu bashyizeho umwete ? Niwe wahoye ba Major NGIRA ko bigeze gufata RWIGEMA n'ikipe ye baje gutata bagategekwa kubarekura vuba vuba no kuryumaho noneho batangira kubeshya rubanda ngo baratunguwe icyimwaro kigatuma bamufungira ubusa ?

Niwe wariye amafaranga abaturage bihereye abasirikari ? Niwe woheje ingabo kuva mu birindiro byazo ngo zijye kwiba maze guverinoma ya NSENGIYAREMYE inaniwe ba Rusaruriramumvururu babone uko bagumya kwirira ? Ese izo komini aho zitari gufatwa ni he, intwaro nyinshi, amagrenade n'ibindi aho kubijyana aho intambara iri mwirirwa muzicisha inzirakarengane mu gihugu imbere mukoresheje abasirikari batazi uko ku rugamba hasa ngo ngaha muravugira abahutu kandi ahubwo mubamaze mu rwego rwo gushyigikira inzu wa musaza wa HABYARIMANA yavuze amaze gufata ubutegetsi.

Reka icyakora tubahugure gato kuko twe dushobora kuba tubarusha kumenya uwatumye ariya makomini afatwa, usibye ko BUCYANA Martini w'umuzayiruwa we kuri we guteranya abahutu b'i RWANDA bakamarana ibifaranga akirira ntacyo bimubwiye. Muri 1984, hari Kinyamateka yigeze kwandika ko impunzi zizatera. Habyarimana yakoze iki ngo imishyikirano n'impunzi igire icyo igeraho cyangwa ngo ingabo zitegure bihagije ? Ahubwo muri 1986 MUSEVENI yaje guseka abatazi ubwenge ababwira ko abavuga ngo impunzi zizatera aribo batazi ubwenge. Muri 1986 nanone, abo mu biro bishinzwe iperereza no muri Minisiteri y'ingabo bahaye raporo ka kanama kabaga gahuriweho na za minisiteri zose, hari igitabo cyarimo ukuntu tuzaterwa, maze bagasaba ko ikibuga cy'indege cyabona intwaro zihagije zo kukirinda, hakubakwa ikigo gikomeye cya gisirikare mu MUTARA. Igisubizo cya HABYARIMANA cyabaye ko nta mafaranga ahari, ahubwo haboneka miliyoni na za miliyoni zo gukora animasiyo na muvoma d'ensemble.

Ambasaderi wari i KAMPALA yaje kugeraho abona biramurenze atumaho ati tugiye gufatwa mpiri. Bati uravuge uvuye aha, aho twanywaniye na MUSEVENI turahazi. Muri 1987 higeze kuza abasirikare babiri b'abatutsi bavuye i BUGANDE baza bavuga ko MUSEVENI ashaka gutera u Rwanda. Muri Etat Major bati murabivuga muri abahe ? Umwe ati jyewe data na Mama batuye hariya i GASOGI, undi nawe iwabo arahavuga bati ntitwarota u RWANDA ruterwa. Raporo ikimara gukorwa, ntawamenye aho babanyujije, barabasubije MUSEVENI ngo wenda baramusebya, barabishe, Rukokoma izabaza byinshi.

Muri 1987 nanone Ikinyamakuru cy'INKOTANYI Impuruza cyanditse kiti Tuzatera nta kabuza. Ubwo inshuti z'u Rwanda zarahagurutse i BUGANDE ziratabaza, abatutsi benshi b'umutima mwiza bohereza abagore babo n'abavandimwe babo baza kubivuga, byose HABYARIMANA abyima amatwi arituramira. Perefe wa BYUMBA wabikurikiriraga hafi yatanze raporo ati hari abantu bisuganya ngo bazatere bati urakabya, Nduwayezu Augustin nawe yarayitanze, ahubwo MAYUYA wategekaga ikigo gikomeye cyirimo abasoda benshi, cyirimo n'imbunda zashoboraga kurwanira igihugu baba baramwivuganye, n'uwamwishe baramwirenza, umusirikare wari ubishinzwe ahabwa burse ajya ngo kwiga da ! Bataillon barayisheshe, nibo ba bahutu mujya mwumva mu Nkota-




Ngabo z'u Rwanda rero, abasiviri bagitegetse bavaho babasuzugura, kandi ntako MRND itagize ngo muherwe kandi mugaragare mu butegetsi bw'u Rwanda. Namwe ubwanyu mwabonye umurego Inkotanyi zazanye muri iy'iminsi, none mureke tubigire urwitwazo maze mudushyigikire dushyireho amategeko y'umukwabo simusiga amwe yo mu bihe bita Etat d'Exception. Ubwo nyine bamwe muri mwe murafata za perefegitura muzitegeke, za Komini na za Segiteri ndetse na Serire ziraba izanyu, tutavuze n'ibigo bya Leta ndetse n'ibyigenga dushatse twabibihera. Aho hose niko akazajya kavuga muzajya mugaterera ku wa Kajwiga, utunyamakuru n'utunyamashyaka mukatwita Inkotanyi, mukatwica kuko ikizaba tuzanywa umuti, muri MRND ntidukina. Erega mu gihe nk'icyo niyo mwakwiba mukica ntacyo, mutinye itegeko ryabashyingira abagore n'abakobwa bose bo mu Gihugu. Hari ibyiza byaruta ibyo ?



*Dore ikimodoka abantu bacyibazaho byinshi, cyari cyafunze umuhanda ujya ku ngoro ya Minisitiri w'Intebe bucyeye bw'imyigaragambyo ya C.D.R.*

nyi. Ayo mayeri yose koko ubu ntabereka uwatumye amakomini ya RUHENGERI na BYUMBA afatwa ? By'urwiyerurutso bafungira NDIBWAMI, NKULIYEKUBONA na HAVUGWINTORE ubusa, none barabasubiza mu gisirikare abahemukiye igihugu bakamoka.

Ubwo intambara irateye, Mutambuka, SABAKUNZI, MUNYAGATANGA abo bose bari baraminuje mu bya gisirikare bati tukabafunga, HABYARIMANA na NGIRA wari warabonye ba RWIGEMA baza gutata bafatanya na NSABIMANA INKOTANYI bazirenza UMUVUMBA, ba bagambanyi bo mu butegetsi hejuru babimenye barabahamagara babaroha mu munyururu. Ubu se imy
y'INKOTANYI koko ntacy
bwira kwifatwa ry'ariya ma
gitura. Mwibuke ukuntu R
NGERI yafashwe ba LIZIND
gafungurwa abasirikare boh
ku MUKAMIRA, Abany
ngeri barakara HABYARIM
ati : nzakora iperereza mb
uko byagenze, bafata uwayob
ingabo muri ako karere ban
ibyo batagombaga kumurega
atazabavamo, none abo bam
HABYARIMANA barimo
rankota LIZINDE nibo barih
fasha KANYARENGWE ku
giza abatutsi b'impunzi, mu
HABYARIMANA nawe
agakora imbere ngo amaherez
zumirwe. Rukokoma bagiye
nyonga. Ibi byose bariya ban
ba BUCYANA Martini bak
ngaho ngo NSENGIYAREM
niwe wamarishije abanyaruhe
n'abanyabyumba. Rero usibye
we mudashobora kugira icyo m
raho usibye gusakuza gusa ng
MUSEVENI muzajya kumuv
ho i BUGANDE. Uriya urabosh
muzi baranywaniye he ? Ahub
nimugumye mutuke inshuti
Rwanda murebe ngo HABYA
MANA arabamarira mu Bu
nka bariya basirikare bashak
kumuburiza Inkotanyi kwiko
aferi. Ubu se aka gahenge NS
NGIYAREMYE yazanye siko
tuma babohereza kumara aba
kubera umujinya w'uko batigeze
fuza ko intambara ihagarara ? A
kuba Umuhutu nkabo kwa BU
CYANA naba Imbeba.

ZIREMAKWINS

**N'UMUCYECURU NYIRAB**
**RO NAGATAMBE.**

Ku ya 5/9/1992 mu imur
gurisha rya 11 ryabereye muri
André, Interahamwe LEWO
mwene MBONABARYI amaze g
tura indirimbo kuri RADIYO» BA
DON'T FORGET MY NUMBER»
nterahamwe ngo z'isi yose,
MBONABARYI na Nyina NYIRA
BURO, yarangije atsindagiriza cy
ne ati nyituye n'umukuru w'INTE
RAHAMWE : IKINANI. Ibihe bih
ibindi koko, bwabaye ubwambe
twumva aho batura umukuru w'ig
hugu indirimbo.

ngo "yagaye abacuruzi" nibyo koko, none se ko ngo bemeye ko abiba, buri muntu 3.000 FRW ya ruswa kuri buri Karito y'intore, bigatuma batereza igiciro kugira ngo bagaruze ayo yabibye, yabura ate kubagaya ? Abantu benshi bazi neza ko ubwo bujura bw'Isiha Rusahuzi yabufatanije n'icyitso cye M.A. Alias Hadji, n'abandi bacuruzi bamushinja ndetse n'abakozi bamwe ba TABARWANDA babikurikirira hafi. Gifite ivatiri y'umuhondo AB 53 76. Basanzwe basangira akabisi n'agahiye, akaribwa n'akataribwa ! N'abo bacuruzi yibye nabo bagahenda rubanda ku ntore, nabo tuzabatangariza lisiti yabo ubutahaa, ubu tumaze kumenyamo (10) icumi.

Iby'udupapuro avuga twabuze byo n'urwitwazo kuko n'abakozi ba TABARWANDA bazi amayere tuburiramo ! Naho ibyo abeshya ku mazuye abiri y'agahebuzo byo ahari bizasobanurwa na Rukokoma !

Cyakora ingoro yubatse iwabo mu NKENKE za KINYAMAKARA yo abaturage b'iwabo barayijunditse cyane. Rimwe bari bayirunze hasi "MUVOMA" ikinga ibaba, bene inzu bayabangira ingata nk'abajura. Bamwe bemeza ko iyo nzu izira moteli n'amatanki byasahuwe kwa KAJEGUHAKWA Valens w'INKOTANYI, bikaba bikogota amazi bigacura abaturage; abandi bati ntidushaka iriya nkambi y'INTERAHAMWE iwacu (ISIBO N°57), abandi bati n'insahurano nk'iriya moteli n'amatanki byayo ! Ngo zubatswe n'ibihumbi 200.000 FRW ahembwe mu myaka ibiri ! Ntarya ? Amadeni yari arimo ? Rero ngo iyo yiba abazungu baba baramufashe ! Bazi se amayere y'abamilita ? Biriya 3.000 FRW se yacaga abacuruzi kw'ikarito y'Intore yahamagaraga abazungu akabibereka ? Azabeshye SAM Gody na BURAKEYE ye !

Ubundi se abazungu bazi TABARWANDA ko ari abo muri TABACOFINA y'Ababiligi, bakaba baragurishije imigabane yabo na ROTMANS y'Abongereza, abo bashya nibo bavumbura ISIHA RUSAHUZI ?

Abacuruzi bati amaze kutwiba 4.000 FRW nawe ati abazungu... Azabibwire ROTMANS dore ko ngo ari mu mayere yo kuyitereta ngo basinye kontaro abe umukozi wayo, ngo "Commission d'Evaluation" izamugereho yarabaye umukozi Mpuzamahanga muri TABARWANDA ku Kicukiro iteka... Amenye gusa ko abazungu bo mu B.A.T. na ROTMANS ari inshuti n... gara za RWIGAS Assinapol utari... girwa ibyo amasiha ya MUVOMA yamukoreye. Bazabonana ! Ese a... siyo mpamvu MUCUMANKIKO y... kanga ko INKOTANYI zamenye ... ari INTERAHAMWE ?

Ibinyoma bya MUCUMANKIKO akwiye kujya abinyuza mu MU-RWANASHYAKA wa MRND m... ZIRIKANA ya SHEDELI na za NYI-RAMACIBIRI cyangwa KANGURA bigasanga ibindi, aho gucuri... SAM Gody n'abanyarwanda ba...ma bakunda ukuri. BIRACYAZA !!!

Tubaye dusubikiye aha, twa...nze ko umubeshyi yiharira urubuga ubutaha tuzabaha amakuru asese... nguye n'ibimenyetso rugeretse ku uriya mumilita naho ageze TABA-RWANDA, n'ibikubiye mu nyand... ko twiğeze guha Kiberinka ika...ko muyoberaho mu buryo budasoba...nutse aricyo cyatumye yihutira gushaka SAM Gody.

Umusomyi w'UMURANGI
MUPENDAKWERI
NKENKE – KINYAMAKARA
GIKONGORO

# Agasuzuguro n'ubugome HABYARIMANA akomeje gushyira ku bahutu niko gatuma bamuhindura SAGIHOBE. Wa muririmbyi ati : «SAGIHOBE si umuhutu si n'umututsi ngo bimenywe, ni akabwana k'iminsi, naho batinya karahajya».

ITANGAZO MPURUZA.

Twebwe inararibonye, turaburira abanyarwanda urupfu rubi rubategereje. Umuti w'iyi ntambara, n'ubukungu n'umutekano muke ni HABYARIMANA Juvénal. Twibaze tutabica iruhande; iyi ntambara twayiroshywemo nande utari wowe?

- Ni we wibwiriye abadutera ko bazarwana kugeza ku wanyuma.
- Ni we nyirabayazana w'ihunga rya Colonel KANYARENGWE Alexis; BIZIMUNGU Pasteur, KAJEGUHAKWA Valens; MAJYAMBERE Silas; RWIGARA Assinapol...; na bamwe mu basirikari bari muri compagnie Kanombe; yadudunganije ajijisha urupfu rwa Colonel MAYUYA.

Muribuka ko HABYARIMANA yivugiye ati : "NTAKO NTAGIZE NGO NSHIMISHE ABATUTSI". Ubwo yimeneye ibanga kuko igihe yashimishaga abatutsi yicaga abahutu. Muzirikane abanyapolitiki bose bakoze revolution ya 1959 yamariye kw'icumu. Bamubanye bake yunamukana abo bafatanije muri 1973. Abahamya b'imvaho ni Colonel KANYARENGWE na Major LIZINDE. Impunzi zamuhunze icyo gihe ingaruka yazo ni iyi ntambara yayogoje igihugu.

– Buri wese narebe hafi ye ku kibazo cy'ubukungu. Duhere kuri we: yarivugiye ati: "twanze ubwikubire bwa bamwe". Ashatse guterura umutungo w'igihugu Gouverneur BIRARA amutera utwatsi. Nawe aramunaniza arasezera. Yishyiriraho RUZINDANA A. maze HABYARIMANA umutungo arawusahura karahava. Kugira ngo murebe ko ntacyasigaye mu Rwanda, yibutse ingagi mu birunga n'urumogi muri Nyungwe. Ariko kugira ngo yereke abanyarwanda ko yabifatiye yiteje abanyamakuru ababwira ko atagira itafari mu mahanga!

– Twibutse abanyarwanda ko muri Banque Nationale uwari ushinzwe amafranga y'amahanga ari muramu wa HABYARIMANA ariwe RWABUKUMBA Séraphin utarigeze yiga! Ahavuye asimburwa n'umuhungu HABYARIMANA abereye se wabo ariwe GASHUMBA I. Nguko uko akazu kabonye uburyo bworoshye bwo guterura byose.

– Ntako atagize koko ngo ashimishe abatutsi: Imiranga y'ibyasagutse kubyo yanyereje yabyihereye abatutsi. Ushidikanya azabaze:

- KAJEGUHAKWA Valens
- SHAMUKIGA Charles
- KATABARWA André
- SEBERA Antoine
- RWIGARA Assinapol
- MUTANGANA
- SISI Evariste
- KARERA François
- SEBULIKOKO Célèstin, n'abandi n'abandi b'inshuti z'umugore we na basaza be: ZIGIRANYIRAZO Protais; Colonel SAGATWA Elie; RWABUKUMBA Séraphin.

– Muri za ministères ndetse n'amaso-




TUBAFASHE GUHANGANA N'IMIBU

UMUBUFUGE

Umubufuge ni umuti wirukana imibu.
Urawisiga cyangwa ugasiga kugatanda k'umwana, imibu igahita ihunga.
IRINDE MALARIYA ukoresha UMUBUFUGE – Umuti wa kinyarwanda wakozwe na CURPHAMETRA.
BALIZA muri Pharmacie UMURAVUMBA
Hepfo ya Rond Point Tél. : 7 4521



SOPROCHIM
S.a.r.l.
B.P. 795 OFFICINE Tel.:74521
UMURAVUMBA

## Umuhanda Rwandex-Ka nogo ugira ingusho kub muri MRNDD.

Bagenzi murabe maso, umuhanda uri ha gati y'uruganda Rwandex i Kigali no mu Ka nogo aho amatara ahurira ngo ugirira ab muri Muvoma ingusho. N'ikinani ntawunyu ra. Ku itariki ya munani, interahamwe ziray ziribwibarange mu muhanda wa Kigali ng zishyigikiye shebuja, Minisitiri MUNYAZE SA yahatsinze umugenzi, igicuku kinishy Bwakeye asiba inama ya Leta. Ubwo ntiya giye no muri "Mitingi" ya NGIRUMPATS kubera iyo mpanuka.

Mwibuke ko aho hantu higeze kugwa na M nisitiri wa Muvoma ya kera Bwana MUTE MBEREZI. Ngo yari yujuje yarengeje um dari ndetse ngo yaba yarirariye aho yaguy Bwakeye Shebuja amwirukana. Uban azasaza adasubije ibirenge muri "5 juillet Minisitiri NZABONIMANA nawe wari um samye, yahatsinze Pajero nshyashya yuzuy imirwanashyaka. Niba ari ibinyoma bya byuzuye muri icyo kinyamakuru byari bi mereye imodoka ? Ibyo aribyo byose yahi afata indege ajyanwa kwa Muganga. Yavu jwe n'iryaguye. Mubafite amabanga uwab baje abantu cyane ni Major NDAMIYINK yari yaraye izamu mu kigo i Kigali. Yari kuz ranga aho rwa rwobo rwari ruri kuko muri R kokoma bazarubaza. Barusibye iryo joro ?

Ubwo MUNYAZESA yageze iwe abwira b Mbiyo mbiyo BIZIMUNGU Kosma na KAZ MIRI ndetse na GASANA Gemusi ati mbe iyo hagira umunyamakuru uhagera akareb mw'isakoshi akabona mu mpapuro twa n tes nafatiyeho amabwiriza y'Ikinani cviny gisha uko tuzananiza inama ya guverinom y'ejo ??

### SERAIT-CE VRAI ?

DES RUMEURS CIRCULENT SU LES DANGERS QUI MENACERAIENT DES PERSONNALITES RWANDAISE TRES PEU SYMPATHIQUES AU REGI ME DU GENERAL HABYARIMANA.

IL S'AGIT DE MESSIEURS BIRARA Jean Berchmans, ANCIEN GOUVER NEUR DE LA BANQUE NATIONALE ET L'ABBE SIBOMANA André, DIREC REUR DU JOURNAL «KINYAMATE KA», KIMENYI, PROFESSEUR A L'A PACOPE, AINSI QUE D'AUTRES DONT LES NOMS N'ONT PAS ETE ENCORE REVELES.

TROIS TIREURS D'ELITE ITALIENS AURAIENT ETE RECRUTES POUR LES ASSASSINER; ILS SE TROUVE RAIENT DEJA DANS LE PAYS.

DIEU SEUL DECIDERA DE LA SUITE.

UMURANGI

Distribution

LA MEDIAR s.a.r.l.
La Société Médiatique Rwandaise
RC A624 B.P. 208 KIGALI Cpte BK 20064/18

Tél. : 7 7424
7 7425

Prix NYAMPINGA : Uzuza aka gapapuro ukoherereze kuri iyi adresse :
Orchestre NYAMPINGA
C/o Music Fabric B.P. 1123 Kigali

Nom et Prénom ................................
Amazina

Profession ................................
Umwuga

Commune d'origine ................................
Komini wavukiyemo

Adresse complète ................................
Aho ubarizwa



# EDITORIAL

# IKINANI KIRACYAFITE AMAHIRWE MENSHI

*Tumaze iminsi tubona irindagira ry'amashyaka yitwako akomeye muri iki gihugu, tugasanga aho bucyera IKINANI cyizabarahira aho twinikaga. MDR, PL na PSD ntibakivuga rumwe. Baraterana amagambo mu nzira, mu matangazo no mu binyamakuru byabo ku buryo wa mugambi bari bahuje wo kurwanya MRND bawuretse bagatangira guhangana ubwabo. Ikinani cyo cyirabireba kikisekera, kigakaza umurego mu guhonyanga abarwanashyaka baciriritse umwe umwe gikoresheje Interahamwe n'Impuzamugambi zacyo gitegereje kuzagwa gitumo abayobozi b'ariya mashyaka bakimereye nk'impumyi. Inkotanyi twibeshyaga ko zimuteye ubwoba ahubwo zo ntakwibeshya ubanza ari ibyitso bye, zabishaka zitabishaka, nizo yabanje gusoma pulaki. Nawe se nk'abana b'impunzi z'abatutsi baratinyira iki RUKOKOMA niba hatarimo ubwumvikane n'IKINANI.*

*Buriya se ntibaguye mu mutego w'abasangirangendo b'IKINANI nyine baziko hari ibyo bashobora kuzabazwa aribo ba KANYARENGWE, LIZINDE, BISERUKA, KAJEGUHAKWA, BIZIMUNGU, MAJYAMBERE, RWIGARA n'abandi bahunze ejobundi kandi bigaragara ko bivuruguse mu makosa y'akazu ka HABYARIMANA ku buryo buhagije ?*
*Umwe mu bayobozi ba MDR ngo uherutse kuvugana na KANYARENGWE yamubwiye ko RUKOKOMA bayangira ko ngo yazikura ibya kera !? Ubwo nyine ari KANYARENGWE ubivuze nta gitangaza kirimo kuko we ubwe yiyizi, nibyo yakoze akaba abizi.*

*Gusa twongere twibaze. Kuki abana b'impunzi z'abanyarwanda bemeye kugwa mu mutego wa bariya bambari b'IKINANI kandi nta cyaha bari kuzakurikiranwaho usibye icyo gutera igihugu kigomba kurangirana n'amasezerano y'amahoro ? Ikinani kirabatsinda ye ? Nawe se, PL iti ubwo FPR idashaka RUKOKOMA natwe ntituyishaka. PSD yo yibereye mu kurunda amafaranga muri za ruswa n'ubundi buriganya nkuko tubibona mu nyandiko y'abakozi bakorana n'umwe mu bayobozi bayo witwa NYUNGURA Emile utangiye kwerekana icyo baricyo hakiri kare.*

*Ibya RUKOKOMA ngo ni ukubigendamo bucye, mbese isigaye ngo ari iya MDR gusa. Ibi ni ibiki ? MRND iti imishyikirano ya ARUSHA nihagarare ibyumweru bibiri, FPR iti sawa igakubitaho n'akarusho ngo ba Camarades du 5 Juillet 1973 KANYARENGWE na HABYARIMANA bazaze bibonanire. Bariya bana b'Impunzi z'abatutsi niba baremeye kugwa mu mutego wa biriya bisumizi byadukuriyeho intwari zatuzaniye Repubulika n'ubwigenge zikanabica bagizengo hari IMPIRIMBANYI yabyemera idahirimbanye mpaka yongeye gusubirana ijambo muri iki gihugu. Bahura se ubundi babujijwe nande guhura mbere. Ni uko babonye abantu b'inzirakarengane bagiye gushirira ku masasu yabo ? Ibyo bavuga turabizi, barashaka kudukina umukino nkuwo SAVIMBI na DOS SANTOS bakinnye Abanyangola bari mu mashyaka yashakaga RUKOKOMA, bo bakiyumvikanira bakayanga kuko bose bakoze ibyaha byinshi, bagashora rubanda mu matora, bakayashwaniramo none intambara ikaba yongeye kurota.*

*Iryo rindagira ry'INKOTANYI rero inyuma ya bariya basangirangendo b'IKINANI, iry'amashyaka P.L. na P.S.D., irya M.D.R. itarashikama ngo imenye ko ariyo mizero y'iki gihugu, ngayo amahirwe y'IKINANI, ku buryo ibintu nibidahinduka ngo abantu bisubireho kizabatsinda nta kabuza. Birashaka abanyepolitiki b'abahanga kandi bakunda igihugu, nibura bagerageza kugera ku gatsitsino ka KAYIBANDA na bagenzi be. Bari he ? Turacyatungurwa.*

*Icyakora iriya Mpuzamashyaka i[...] gaye irangwa no kubeshyana, kury[...] ryana no kwanduranya niyonge[...] kuturoha mu nzibacyuho ipfu[...] nk'iyi turimo yatumye IKINAN[...] gisuganya INTERAHAMWE n'IMPUZAMUGAMBI zacyo [...] kaba zitumaze noneho ba nyir'ukup[...] gisha tuzabahana. Reka bayob[...] NGULINZIRA wari umaze kuge[...] ku bintu bishimishije ARUSH[...] noneho mu yindi nzibacyuho batu[...] heho umuriro w'IKINAN[...] n'uw'INKOTAYI kubera ko bu[...] shyaka rishaka gucungana n'iny[...] ngu zaryo gusa. Ibijya kuba agasi[...] biboneka kare. Impuzamashyak[...] itangira batubwiye ko impam[...] igiyeho cyane cyane ari uko amashy[...] ka arimo ahuriye kuri RUKOKO[...] MA, none P.L. iti ibyo ni ibya MDR[...] PSD yigeze kuvanwamo, ntituzi igi[...] yagarukiyemo.*


*PSR yahozemo, ntayo tukibona. Ba[...] gombaga kujya bajya ibihe byo kuy[...] tegeka, none TWAGIRAMUNGU yaheze muri icyo gikonkwani. Ha[...] ibihuha bivugwa ko ngo baba batega[...] nya kuzamutangaho kandida umu[...] rukumbi wo guhangana n'IKINANI ku mwanya wa Perezida w'igihu[...] gu ngo kandi na F.P.R. ikabishyig[...] kira. Niyo byaba aribyo ntibyamubu[...] za gufatanya n'izindi Mpirimbany[...] gutegura imitego bagenda batega [...] shyaka rye ku mugaragaro harim[...] nuwo nyine wo kuba bamwizeza iby[...] ngo agume abafashe kwisumbukuru[...] za. None yazaba kandida uru[...] mw'ishyaka ryarindimutse ?*
*Ibyo byose IKINANI kirabibona k[...] kamwenyura, kandi uko bitinda nik[...] inguvu z'amashyaka zigenda ziban[...] aho kwiyongera kubera kurambirw[...] kw'abayoboke kuvanze n'ubuken[...] Aho bucyera cyirabwisubiza bwose tu!*

O.NT.[...]

## KWA BARUGOTOMERANKABA, IPFA RIRACYARI RYOSE




Kubera ibintu by'ubugome bimaze iminsi bibera muri iki gihugu kandi bigenda birushaho kwiyongera, muri ibi byumweru bibiri ho bikaba byarabaye akarusho abantu bakicwa, ba BYABAGAMBA Stratoni, ba SIMPALINKA, abasirikare bibereye mu kiruhuko ku RUSHASHI nabo ngo baje kuruhuka ingorane z'intambara, n'abandi n'abandi. Ibyabereye mu mugi wa Kigali kuri 30/10/92 aho abashederi bateye grenade zikagarika ingogo ntawe ubiyobewe, abayoboke b'amashyaka atavuga rumwe na MRND bakaba batagisiba mw'irimbi, HABYARIMANA na MRND ye tubagiriye inama yo gufata bibiliya niba Musenyeri w'Akazu yaba yarabigishije kuyisoma, bagasoma imirongo imwe n'imwe twatungiwe agatoki n'umusomyi w'Umurangi ku Gikongoro witwa UWIZEYE François.




*Kugirango HABYARIMANA azongere gutorerwa kuyobora abanyarwana agomba gucishwa muri RUKOKOMA ikamuvanaho uriya mucafu yisi... nako Baratindi BARAHINYURA yamusize.*

Aragira ati wowe MRND ubugome bwawe bumaze gutahurwa ku buryo mw'ijuru byagezeyo. Niba utarorama mu bushitani uhora ukora banza upfukame usabe Imana iguhe imbabazi zo gufata Bibiliya, nkubwire aho usoma hagaragaza ubugome ufite kandi uhorana ku mutima: Soma ku rupapuro rwa 1083 (Imigani 6, 12 — 19) no muri mwene SIRAKI 11, 29 — 34 (Bililiya nshya y'abanyagatolika). Ubwo yenda numara kubisoma urasanga Imana yanga abagome nkawe. Erega umva MRND. Uzi ko wanyereye mu mvugo, kandi no mu migani birimo ngo «Kunyerera mu mbuga biruta kunyerera mu mvugo, niyo mpamvu abagira nabi barimbuka vuba. Ntugirengo ibyo ukora byose Imana ntikureba ! Naguha ingero nyinshi cyane. Hari imigi myinshi yagiye irimbuka igasibangana kw'isi. Iyo ni nka TIR, BABILONI, NINIVE, n'indi ntarondoye. Ubwo cisha make duturane, ubanze uhane izo NTERAHAMWE zawe zimena amaraso, ukarabe izo ntoki zuzuyeho inkaba, ucurike intambi ushyire mu rwubati, usubize intanage mu mutana, usubize cordelette mu rukenyerero, urinde rubanda twa ducuma twamaze abantu, na za mines zamaze amazu n'amamodoka.

Kuki mushimishwa no kuba ba «RUGOTOMERANKABA». Hari ikindi kintu kindenze nkuko : «KAGOMA IGURUKA MU KIRERE; INZOKA IGENDA KURUTARE; URUTOZI RUTAGIRA IMBARAGA ARIKO KU MPESHYI RUGAHUNIKA IBIZARUTUNGA, IMPERERYI NAZO ZITAGIRA INGUFU ZIGACUKURA INDARO YAZO MU RUTARE, N'INZIGE ZITAGIRA UMWAMI ARIKO ZIKAGENDA KU MURONGO UBONEYE. (Imigani 30, 19; 30, 25 —27). Uriya musomyi arakomeza ati : Ibi mbivuze nshingiye ku mvururu ziba mu gihugu kandi umuyobozi wacyo



ahari akicecekera ubundi akogeza Interahamwe ze. Ibyo RUKOKOMA izabimubaze. Ariko imbere HABYARIMANA yadutererejе Interahamwe ngo zice ntizihaga ? Ndumva zimeze nka bya bintu bitatu by'indahaga bitarigera bivuga ko binyuzwe. Ibyo ni : Inyenga y'ikuzimu, inda y'ingumba, n'umuriro utigera uvuga ngo «ndanyuzwe» Imig. 30, 15. Nimukomeze mugotomere iyo nkaba, ariko mumenye ko icyu-



ma gityazwa n'icyuma, umuntu anoza imyifatire ya mugenzi we. Mutuje twaturana none ubwo mwagaragaye ko muri abanyamujinya kandi tukaba tutagendana n'uwarakaye, tuzakugendera kure, amaherezo uzabona ko wibeshye, kandi n'amaraso wamennye azaguhinduke kuko abagiranabi barimbuka vuba.

UMURANGI.




*Illustration Urumuli rwa Demukarasi N° 1*

# NI IKI BITA KUJYA MU KWAHA KW'IKINANI ?

Tumaze iminsi dusoma mu binyamakuru byo muri iki gihugu bikunze kubona ibyiza ku ruhande rw'Inkotanyi gusa tukumirwa kuko twageze aho twibaza niba hari umuntu muzima tuzasigarana muri iki gihugu mu gihe Dogiteri NSENGIYAREMYE na NGULINZIRA nabo bashinjwa kuba bibundarariye mu kwaha kw'Ikinani. Byaduteye inkeke ndetse bamwe mu batazi gushishoza no gusesengura bikurikirira intero yabo banyagikabyo bati koko ba Minisitiri bacu Ikinani kirabarashye, NSENGIYAREMYE na Guverinoma ye nibegure ndetse MDR iratsinzwe natwe nibaduhe uriya mwanya. Ikigaragara rero, ibyo bita kurinda ubusugire bw'Ikinani bashinja NGULINZIRA na NSENGIYAREMYE ni uko baroye kure, bagasanga utakwambura ububasha HABYARIMANA ngo ubushyire mu maboko y'agatsiko kamenyereye akajagari nkuko byasabwaga n'Inkotanyi zimenyereye kwiyita indwanyi, bagahitamo gusaba Inkotanyi gushyira mu gaciro zikemera ko mu gihugu hari amashyaka afite ingufu za Kidemukarasi izira urusasu kandi yari amaze gutoza rubanda kwikangarira, ahubwo ikaza gusinzirizwa n'abakuru bayo mashyaka mu buryo butunguranye, Inkotanyi zikumva ko zayatanga umushi zikoresheje imishyikirano na Guverinoma.

Ubwo ibirego zabihase NSENGIYAREMYE na Guverinoma ye, NGULINZIRA baramusarika, yaba atitabiriye ibyo basabye byose kandi bibonekamo amayere akabijebati Ikinani cyamukanze nkaho adaturuka mu ishyaka nyine. Niba ari Itegeko-Nshinga, usibye no gufatanya n'andi mashyaka nibareke Impirimbanyi zonyine zirihagurukire, nizimara ukwezi zitararihigika kandi zitagombye guhonyora abaturage nkuko byabaye agakangisho za Byumba na Ruhengeri ngo nimutwemerere ibyo dusaba cyangwa twice abaturage, izo Nkotanyi zizaryikurireho zize zitegeke. Hari abibeshya ko Impirimbanyi zahagurukijwe no kubashyirira ubutegetsi ku mbehe. Ubu se iyo rubanda idasinzirizwa haba hasigaye ba Buru bangahe b'Ikinani ? Ba Perefe se ntibari batangiye kunnya mu bihu abaturage babasaba kubaha amahoro, bakibohora igitugu cyabo ! Muzabaze HABIYAMBERE Yozefu !!

N'amashyaka amwe nashyire mu gaciro. Nkuko twabyumvise mu maradiyo, Minisitiri NGULINZIRA ashyizwe ageze ku byo yifuje, aribyo byo kugabanyiriza ubutegetsi bwa HABYARIMANA nako bwa Perezida w'Igihugu muri Guverinoma y'Inzibacyuho n'Inteko Ishinga Amategeko y'Inzibacyuho. Amashyaka yibumbiye rero muri ya mpu-

zamashyaka TWAGIRAMUNGU avuga ko ni Inkuba yo hejuru idashobora gusenyura kandi bamwe tubona idundaraye ku igi atangiye kugaragaza ko ashobora kugwa mu mutego w'amacakubiri maze cya gihembo twanditse mu UMURANGI N°10 kikabageraho nkuko byagenze muri za Kameruni, Burkinafaso, n'ahandi nko muri Kenya nabo batangiye kuwugwamo.

**TUZIZE GUHINDIRA NO KUTAREBA KURE.**

Byinshi mu byo Inkotanyi zisaba usanga bigifitiye akamaro kenshi amashyaka mato. Tuvuge nko gushyiraho ba Perezida barindwi cyangwa icumi. Ubwo nyine wasanga na ka PDC kidundaritsemo, kuvanaho abategetsi bose maze imyanya igaterwa imirwi nta kureba ingufu z'ishyaka iri n'iri n'ibindi ariko cyane cyane wagera ku Nteko Ishinga Amategeko bikaba ibindi. Ubwo Arusha bamaze kwemeranywa ko ubutegetsi bwacungwa n'Inteko Ishinga Amategeko rero hagomba ubushishozi bwinshi kuko igihugu cyose gishobora guhita cyoramira hariya.

Iyo bavuze bati nihajyeho Inteko Ishinga Amategeko y'Inzibacyuho ishyizweho idatowe, P.S.D., P.L. na F.P.R. byumva aribwo buryo bubinogeye kuko nta kibazo cy'abadepite byagira. Ndetse ninacyo cyatumye abayoboke bayo mashyaka badatinya kwamagana n'ingufu nyinshi Guverinoma ya NSENGIYAREMYE, cyane cyane aho NGULINZIRA atangarije ko ubwo buryo bw'abadepite badatowe bwaba budusubije inyumaho imyaka cumi muri Demukarasi twiyemeje guhagurukira.

Impuzamashyaka yari irindimutse ndetse n'ariya mashyaka yari agiye kwiroha mu mihanda yamagana NSENGIYAREMYE na NGULINZIRA nyamara mu by'ukuri ari uriya mubare wari wakozwe na F.P.R. ukazanwa igitaraganya n'umunyamakuru umwe wari utugutse Arusha mu mishyikirano itarangiye maze abakuru b'amashyaka bakihutira gushyira umukono ku nyandiko yabwiraga Guverinoma ko Inteko Ishinga Amategeko y'Inzibacyuho yashyirwaho nta tora, kandi buri shyaka muri ariya ari muri Guverinoma rigatanga abantu cumi n'umwe na F.P.R. igatanga cumi n'umwe. Reka agahuru k'imbwa kazashye !!!

No muri Guverinoma ubu biracika kandi ari abantu bacye ririya soko ry'abantu mu Nteko idatowe ngo ishyaka rifite ingufu riyobore umukino kandi rihangane n'andi kidemukarasi ryafata ikihe cyemezo cyagirira igihugu akamaro. Inkotanyi zifitiye nyine ibitekerezo bya gikotanyi nsaba ko hatagira uwishyiramo ko ari bibi kuko buri munyarwanda wese afite uburenganzira bwo gutekereza uko abyumva. Ushobora no kubisanga kenshi nko mu mashyaka P.L. na P.S.D. ukurikije imvugo ya bamwe mu bayoboke cyangwa ibinyamakuru biyavugira.

Urugero rwumvikana umuntu yavuga nko kwikoma abafaransa mu buryo budasobanutse, bityo rero ntibibe hari uwo byatangaza ko mu nama yayo ya mbere icyemezo cyaba icyo guca Abafaransa mu gihugu cyangwa icyo gufungira u Rwanda ikitwa isasu cyose kandi nta yindi garantie baruhaye ko rutazaterwa. Ubwo hagira nk'icyo F.P.R. yifuza P.L. na P.S.D. bakagisamira hejuru nkuko nyine ibyo bitekerezo byagiye bigaragara muri biriya binyamakuru no mu bayoboke, bakabihuriraho. Baba ari benshi bihagije, ni ukuvuga mirongo itatu na batatu. Icyo M.R.N.D. yakwifuza nacyo PDC yaba ihari igapfa gushyigikira. M.D.R. niyo yahinduka urwenya n'utudepite twayo tutanangana n'utwo yari imaze kwigirira ubu ngubu. Nta gitekerezo na kimwe kiyifitiye akamaro yahitisha. Birasaba RUKOKOMA nta kundi byagenda.

Niba hatagiyeho abadepite baturutse muri RUKOKOMA, nkuko ishyaka M.D.R. ryasanze ariwo muti wonyine ushoboka muri iki gihe mu nama ya Biro Politiki yayo yo kuwa 25/10/92 icyo gihe M.D.R. izanangira isabe ko ba burugumesitiri n'abandi bategetsi bose bahanantukaho kugira ngo igitugu cya MRND cyiveho batore. Mu Isibo n°73 baratubwira ngo uburyo bwo gushyiraho Inteko Ishinga Amategeko yishyiriweho n'amashyaka ngo u Rwanda rwaba rwarabyemeye rubigiriwemo inama na TANZANIYA N'ABANYAMERIKA.

Nibiramuka bibaye byo, twizere ko MDR itazagwa mu mutego iwubona. Kereka bemeye kuyiha icya kabiri cy'abadepite bagize iyo nteko. Bitabaye ibyo kuraguza umutwe rero, ubanza abatinya amatora amaherezo ariyo azaba. RUKOKOMA yaranzwe, yangwa n'amashyaka MRND, FPR irayunganira, PL iti reka, PSD iti nta nyungu twayivanamo bariya bayanze, ubwo nyine na PDC igomba kunganira MRND. Icyakora MRND ku kibazo cya RUKOKOMA ngo yaba yaradohoye, ku buryo FPR n'inshuti zayo ziyemeye nta kibazo cyaba. Birashoboka rero ko RUKOKOMA ishobora kwangwa tukumirwa.

MDR ubwo ntiyazuyaza kwemera amatora kimwe na MRND na PDC yayo ariko abategetsi bishingikirije MRND bamaze guhanantukaho, maze amatora y'agateganyo akaba, akerekana ingufu z'amashyaka, agaca urusaku rw'indahekana za MRND zirimo na CDR, PSD na PL nabyo bikareka gukomeza kwisumbukuruza ngo ngaha nta shyaka riruta irindi kuko nta matora araba bityo Inteko Ishinga Amategeko yishyiriweho na rubanda igacunga inzibacyuho nta mahane yandi.

Niba rero bariya banga RUKOKOMA bagitsimbaraye ku guhita bashyiraho iriya Nteko y'Inzibacyuho nyuma y'Arusha, nitorwe rwose, F.P.R. nayo itore, P.S.D. na P.L. bavuga ko kuba igihugu cyituzuye ari impamvu bibuke ko aribo birirwa bigisha ko abo bafite aho bafashe ari abanyarwanda, bazabashyire impapuro nabo batore, impunzi zabahunze nazo abanyarwanda birirwa bahihibikana bazishakira ikizitunga, sizo zakwangwa kwigomwa uwo muganda ugamije kuzazisubiza mu byazo.

Andi mashyaka yose yaje avu-

*Komeza ku rupapuro rwa 6.*

# TUJYE TWIRINDA GUKABIRIZA

Mugenzi wacu TWARABAMENYE wo mu ISIBO mu nyandiko yise «MDR na RWAGAKOCO» muri nomero 73 ya kiriya Kinyamakuru ubanza harimo gukabiriza. Niba ari uko atagikunze kuba ino ahari ntawamenya. Rwose muri Permenence ya MDR ntacyo habaye. Uko tuhagiye tuhasanga abarwanashyaka bavuye imihanda yose bazanye amakuru meza cyangwa mabi, basaba inama n'ibisobanuro, kandi kugeza ubu tubona byose byakirwa bikabona ibisubizo, ibyemezo bigafatwa. Inama nyinshi z'ishyaka niho zibera, amatangazo kaminuza y'ishyaka nyine agaragaramo iperereza rikaze niho akorerwa.

Ba bakozi bahahoze, aba abasore n'abasaza umurava uracyari wawundi. Ntibahumeka, kandi uko ishyaka rigenda rishinga imizi niko akazi kagenda kababana kenshi ariko bakihangana. Kuba KARAMIRA yaba yaravugiye i NAYIROBI kuwa 18/10/1992 ko bashaka guhirika TWAGIRAMUNGU Fawusitini sinabihakana cyangwa ngo mbyemeze, icyo nzi n'uko aho hantu hakunze kwibera INKOTANYI kandi tukaba tuzi neza ko zitamuhumeka na gato ngo azibwiza inani na rimwe. Niba rero aricyo cyatumye TWAGIRAMUNGU avugira imbere yiwe hariya kuri Permenence kuwa kane tariki ya 22/10/1992 mu ma saa kumi n'imwe ko KARAMIRA atabakangisha kiriya kizu kuko ngo ishyaka rihavuye bitaribuza gukora ubwo wenda byaba ari umujinya yaba yari atewe n'ibyo bikuru bihanantutse i NAYIROBI bityo tukaba twabimubabarira. Naho ubundi niba ari umushinga koko afite wo kuvana MDR kwa KARAMIRA, ndumva ibyiza yabanza akaduha garantie yuko ishyaka ryacu ritazajya rihorana akarago ku mutwe kubera kubura ayo kwishyura inzu. Muvandimwe rero TWARABAMENYE turagushimira ko wibutse kunenga abayobozi b'ishyaka nawe wayobotse kugirango ejo nabo batazagwa mu mutego nk'uwo ibinani byaguyemo, gusa twagusabaga kutazajya ubogama kenshi kuko byarushaho kuzambya ishyaka aho kuryubaka. Tuboneyeho gusaba Perezida wa MDR kutazongera kugwa mu mutego wa Radio shederi, nkuko byagenze ku wa mbere tariki ya mbere Ugushyingo 1992, kuko kwanga kuvugisha inani na rimwe ibya MDR PARMEHUTU, MDR yiyemeje k[u] genderaho wenda ahari ari ukug[ira] ngo atagira abo ababaza byatum[ye] akubitirwa ahareba inzega. Nub[wo] imbaga nyamwinshi y'abanyar[wa]nda imaze kumenya neza ko C.D.[R] ari ishyaka ry'agatsiko k'abican[yi] bakorera ingoma «KARASO» y[i] KINANI wa MBERE NAKOZUK[O] NSHOBOYE, batanatinya guhoh[o]tera bene wabo bayobotse ishyak[a] ly'umucyo. Kubaha icyuho cy[o] kwamamaza ubugome bwabo ku Radio basebya izina PARMEHUTU na KAYIBANDA si byiza na gato. Ubundi mwari mwaratubwiye ko kubaha akato aribyo bibakwiye no ne mwabahaye icyubahiro cyo ku vugana nabo. Bamwe ntibyabashimishije.



*Buli Murwanashyaka wese yakoze uko ashoboye ngo ishyaka MDR ritere imbere.*

O.NT.B.

*(Ibikurikira urupapuro rwa 5)*

ga demukarasi yabyanga ate n'ubwo nyine M.R.N.D. na twa PECO bayavuga abamenyereye kurimanganya bakannya mu bihu. M.D.R. yo niba ishaka kuzabura ijambo cyangwa kugira ijwi ringana n'irya PDC izayange, maze ihite itangaza ko kubungabunga umurage wa MDR PARMEHUTU wo kudahemukira demukarasi biyinaniye kubera kwishinga impuzamashyaka irimo amashyaka yifitiye umubare wayo. Uvuga ko nta kintu cy'amatora cyaba muri iki gihugu impunzi zitarasubizwa mu byazo yibuke ko KAGAME aherutse kuvugira kuri Radio MUHABURA ko NSENGIYAREMYE yagombye kumenya ko aribo batumye aba Minisitiri w'Intebe kandi ko niyo iyo mishyikirano ya Arusha yatungana ntawazagira icyo ababeshya, bityo bikaba byumvikana ko nibyo bazasinyira bizategereza igihe cyo kureba niba ntawe ubabeshya ndetse bikaba byanategereza ngo igihe impunzi ya nyuma iri mu mahanga izatahukira. Twaba tukiba muri aka kajagari se ?? Ni aho gushishoza !!! Gutinda mu makorosi y'akajagari bishobora kuzadukururira imba yiruka.

O.NT.B.

URWENYA

Dr. NSENGIYAREMYE azi kugereranya. Yagereranije MRNDD na LUNARI, RUKUSANYI arahigima ngo arabeshya. Bukeye bahuriye kuri Radiyo ahanika ingero, Rukusanyi yipfuka amatwi. Icyakora hari urundi rugero yibagiwe abantu bakunze kuvuga cyane. Ngo kw'i REBERO iyo Interahamwe zakoranye ziba zirwanira ibice by'amabyei n'amagufa y'imbogo. Ese ubwo si nka ba batwa b'i NYANZA batahanaga ibicagate by'inturire n'ibitsembetsembe bamaze kubyina i Bwami ? Matayu ngo azazinyanyagiza mu misozi. Nizimukundira kujya kwicwa n'inzara i MARABA, muri KARAMA cyangwa ahandi nzaba ndeba. Nako ngo zitwikira ijoro zigakora zigataha ku KIMIHURURA. Arikc Matayo uriya yazitondetse nibura ku mupaka wa ruguru niba zizi gukubita inshuro ko ngo ariyo **ishobora iz'amarere**.

## M.D.R. YARI ITUMYE HABYARIMANA YIRUKA KU GASOZI.




Hambere aha ubwo Perezida HABYARIMANA na Minisitiri w'Intebe bari bavuye mu mahanga, umwe mu nama y'abaperezida b'Afurika na Perezida w'Ubufaransa muri Gabo (Gabon) undi muri Leta zunze ubumwe za Amerika, no mu Muryango w'Abibumbye, bombi bahamagaye abanyamakuru bo kubafata amajwi ngo batugezeho iby'ingendo zabo, maze nyine Ikinani bamuhitiramo. Ibyo bafashe Minisitiri w'Intebe byarafashe bihitishwa kuri Radiyo; iby'Ikinani rero niba harabayemo ubuswa bw'abatekinisiye bagombaga kubifata niba ibyuma byaranze gufata amahomvu, gusa babigejeje kuri Radiyo basanga icyuma cyafashe icyuka. Mbega akaga !! Byabaye akaga kuko basabye ibyegera by'Ikinani kubasabira undi mwanya wo kumusuniza mu magambo, maze bagera aho yari ari bagasanga arimo asoma rya tangazo No 26 rya M.D.R. ryasohotse mbere y'imyigaragambyo. Yarabasaranye ! Ati : Mwa bicucu mwe Radiyo y'igihugu mwayihinduye iya M.D.R. na NSENGIYAREMYE ! Nimumve imbere vuba ntabica.

Reka n'ibyo byuma bimutere utwatsi. Ubundi yatubwiraga iki ntitwumvise kuri Radiyo y'abafaransa bamaze kuvuga ko yari yigunze mu ba perezida bashyizwe ku butegetsi na za demukarasi nawe ataratinye kwihanukira ati ubutegetsi bwaratugwiririye (Le hasard a fait qu'on l'effectue «coup d'Etat») Ibyo se nibyo yari kuturatira, iyo bumugwirira bukamuhitana ubu u Rwanda ruba rwuzuye imirambo??

UKURI KURARYANA KOKO !!

## ISHYAKA MDR RIKOMEJE KURINDAGIZWA.

**Tumaze kumenya ko ishyaka MDR rimaze kugwa muri Rwagakoco y'amashyaka y'abatigaya ubuke, ryemera ko Inteko ishinga amategeko y'inzibacyuho yashyirwaho gusa itavuye muri Rukokoma cyangwa amatora. Biro politiki iravugurujwe. Ibyo aribyo byose abayobozi baryo nibapfe gusaza imigeri basaba imyanya iruta iy'abandi muri iyo nteko, cyangwa se nibura bayiha ibintu ntarengwa igomba kuziga, naho ubundi agahuru k'Impirimbanyi nigashya bazabiryozwa nta kundi byagenda. Biro politiki niyongere iterane mbere y'imishyikirano y'Arusha, ndetse irebe niba atari ngombwa kugira ibyo inangiraho burundu aho kugira ngo ishyaka rihatere ibaba.**

ITANGAZO RIGENEWE IBINYAMAKURU.

Ku cyumweru tariki ya 25/10/1992 inama ya Biro Politiki y'Ishyaka Riharanira Demokarasi muri Repubulika, M.D.R. yateraniye i Kigali mu biro bikuru by'Ishyaka.

Ku murongo w'ibyigwa, hari ugusuzuma ibibazo bya Politiki muri iki gihe, cyane cyane ibirebana n'imishyikirano ibera Arusha muri Tanzaniya hamwe n'ibirebana n'umutekano mu gihugu.

I. Ku byerekeye imishyikirano y'Amahoro ibera Arusha, inama yatinze ku kibazo cy'Inteko Ishinga Amategeko yo mu gihe cy'Inzibacyuho. Imyanzuro yafashwe kuri icyo kibazo ni iyi :

1° Muri Demokarasi isesuye intumwa za rubanda ari bo badepite bagomba gutorwa na rubanda. Ariko kubera umutekano muke uriho muri iki gihe, uterwa ahanini n'uko ubutegetsi bwa Komini na Perefegitura butaravugururwa ku buryo bugaragara, nta kuntu amatora adafifitse yashobora kubaho. Ishyaka MDR rero ribona nta kuntu [illegible] muri matora umutekano w'abanyarwanda utubahirijwe, n'abakuwe mu byabo [illegible] n'imvururu [illegible] kubisubiramo.

2° Ku byerekeye gushyiraho abagize Inteko Ishinga amategeko bashyizweho n'amashyaka, Ishyaka MDR ribona batabaye intumwa za rubanda, baba ari intumwa z'abategetsi b'amashyaka gusa bikaba binyuranyije na Demokarasi, ari nayo mpamvu ubwo buryo Ishyaka MDR ritabushyigikira.

3° Kugira ngo Inteko Ishinga Amategeko y'inzibacyuho ijyeho, Ishyaka MDR, [illegible] ritabonye ukundi, ribona Inama Rukokoma ariyo yonyine igomba gutoranya abagize Inteko Ishinga Amategeko y'inzibacyuho.
Ishyaka MDR rirerekana kandi ko uretse gushyiraho abagize Inteko Ishinga Amategeko y'inzibacyuho, Inama RUKOKOMA ariyo yonyine yatuma u Rwanda rugera ku mahoro nyayo kuko yakwiga n'ikibazo cy'ubumwe n'ubwumvikane mu Banyarwanda.

4° Ishyaka MDR rimaze gusuzuma neza imikorere y'Inama y'igihugu Iharanira Amajyambere (CND) ribona kuva igihe amashyaka menshi yemerewe gukora mu Rwanda, ita [illegible] kigaragara iyo nama yageraho. Kubera iyo mpamvu, Ishyaka MDR ribona Inama y'igihugu Iharanira Amajyambere igomba kwegura hakimara kujyaho Guverinoma y'inzibacyuho iturutse mu masezerano y'Amahoro.

5° Ku byerekeye igihe ubutegetsi bw'inzibacyuho bugomba kumara, Ishyaka MDR ribona amatora agomba kurangirana n'ukwezi k'Ukuboza 1993.
Ishyaka MDR ribasanga gahunda y'amatora azavana igihugu mu butegetsi bw'inzibacyuho igomba kwemezwa kandi ikagaragara mu masezerano y'amahoro.

II. Ku kibazo cy'umutekano muke mu Gihugu, Ishyaka MDR ribasanga umutekano muke uterwa ahanini n'abategetsi benshi ba Komini na Perefegitura bakibogamiye kuri MRND, bashaka kunaniza Guverinoma ya Dr Dismas NSENGIYAREMYE.
Kubera iyo mpamvu, Ishyaka MDR rirasaba abanyarwanda kwamagana no kugaragaro abo bategetsi bagikoresha ubutegetsi bw'igihugu n'iterabwoba twasezereye.

Kugira ngo umutekano ushobore kugaruka mu gihugu bityo n'amatora ashobore [illegible], Ishyaka MDR rirasaba ko ba Burugumesitiri bose na ba Perefe bose [illegible], Guverinoma y'Inzibacyuho iturutse mu masezerano y'amahoro ikimara kujyaho, [illegible] abategetsi b'agateganyo.

Biro Politiki ya MDR irasaba kandi inzego z'ubutegetsi zishinzwe umutekano [illegible], ariko i ibiro bishinzwe iperereza, Jandarumori na Parike guhagurukira byimazeyo [illegible] umutekano.

Biro Politiki y'Ishyaka yarangije yifuriza abanyarwanda bose Demokarasi Isesuye muri Repubulika.

Byakozwe i Kigali, tariki 25 Ukwakira 1992

[illegible]
[illegible]